**A Kubaho kubwa Kristo cyangwa gupfa kubwa Kristo?**

- **Pawulo yerereje Kristo (Abafilipi 1:10–20, 25–26)**
  - Pawulo yishimiye imibabaro yihanganiye, yari myinshi cyane (Abakolosayi 1:24a; 2 Abakorinto 11:23–27). Birumvikana ko atari yishimiye imibabaro ubwayo, ahubwo yishimiye impamvu zamuteye kwihanganira ingorane, imwe muri izo mpamvu ikaba inyungu byazaniye itorero rya Kristo (Abakolosayi 1:24b; 2 Abakorinto 11:28).
  - Pawulo, yiganije Yesu mu mibabaro Ye—ndetse no mu rupfu Rwe—maze Kristo yererezwa muri Pawulo (Abafilipi 1:20).
  - Mu rwandiko Pawulo yandikiye Abafilipi, agaragaza neza ko mu gihe runaka atari yariteze ko yakwerereza Yesu binyuze mu rupfu, ahubwo yari yizeye ko binyuze mu masengesho y'itorero n'umurimo w'Umwuka Wera, azabohorwa kandi agakomeza kwerereza Kristo mu buzima bwe (Abafilipi 1:19, 25–26).
  - Kubw'ibibi byiganje mu isi yacu, kubaho nk'uko Kristo yabayeho akenshi bijyana no kubabara nk'uko Kristo yababaye, ndetse rimwe na rimwe, no gupfa nk'uko Kristo yapfuye (2 Timoteyo 3:12).
- **Kubaho kubwa Kristo cyangwa gupfa kubwe (Abafilipi 1:21–22)**
  - Intandaro y'imibabaro yose ni intambara yo mu isanzure iri kurwanwa muri iki gihe hagati y'icyiza n'ikibi, hagati ya Kristo na Satani.
  - Iyi intambara yo mu bya mwuka igomba kurwanwa n'intwaro z'ibya mwuka. Abambari b'umwanzi barwanya Abakristo bakoresheje intwaro zitajyanye (ibinyoma, kunenga, igitutu cy'urungano, n'ibindi).
  - Ariko dukoresha intwaro nk'ukuri no gukiranuka (2 Abakorinto 6:4–7). Ni intwaro zikomeye "zisenya ibihome" (2 Abakorinto 10:3–5).
  - Ariko se bigenda bite iyo ingaruka y'intambara ibaye urupfu rw'umukiranutsi? Dukurikije ibyo Pawulo avuga, ibi ni inyungu (Abafilipi 1:21).
  - Ku bo muri twe babereye Kristo indahemuka, urupfu rutugeza kure y'umwanzi, maze rukadutandukanya n'imibabaro yose (Imigani 14:32; Yesaya 57:1).
- **Urungabangabo rwa Pawulo (Abafilipi 1:23–24)**
  - Nubwo Pawulo atasbyanzuye, yari mu rungabangabo (Abafilipi 1:23–24): Kugenda akabana na Yesu, no kugumaho bikabera itorero inyungu.
  - Turamutse dufatiye iri somo hejuru, twakwemeza ko Pawulo yigisha ko iyo dupfuye tuzamuka mu Ijuru kubana na Yesu, bikavuguruza izindi nyandiko zo muri Bibiliya (Umubwiriza 9:5; Zaburi ya 6:5).
  - Muri urwo rwandiko yandikiye Abafilipi ubwarwo, avuga ko kugira ngo abane na Kristo byuzuye, agomba gutegereza igihe cyo kuzuka (Abafilipi 3:8–11).
  - Ikindi gihe, Pawulo yagereranije umubiri n'ihema risenyuka (ripfa) kugira ngo ryambikwe ukudapfa (2 Abakorinto 5:1–4). Ariko, asobanura ko uyu mwambaro uzabaho mu gihe cyo Kugaruka kwa Yesu, atari mu gihe cy'urupfu (1 Abakorinto15:42, 51–54).

**B Kubaho kubwa Kristo bisobanuye iki?**

- **Kugira ingeso zikwiriye ubutumwa bwiza (Abafilipi 1:27a)**
  - Imvugo ngo "ingeso zanyu" yahinduwe ivanywe mu ijambo ry'Urugiriki *politeuomai*, risobanura "kubaho nk'abenegihugu." Pawulo yararikiye Abafilipi (natwe twese) kwitwara mu buryo bukwiriye abenegihugu b'Ijuru (Abafilipi 3:20).
  - Mu kibwiriza cyo ku musozi, Yesu yatwigishije uko abaturage b'ijuru bagomba kubaho.
  - Pawulo yakoresheje iyi nama ubwo yasingiraga ingingo yamutsikaga umutima: ubumwe mu itorero.
  - Yari azi ko amacakubiri akunze guterwa n'ubwibone n'imyitwarire idakwiriye hagati yacu. Kubw'ibyo, aturarikira kwitwara mu buryo bukwiriye.
- **Ubumwe mu kurwanirira ubutumwa bwiza (Abafilipi 1:27b–30)**
  - Kuba umukiranutsi n'intungane ntibivuga imibereho izira intambara (Abafilipi 1:30). Ibinyuranye n'ibyo, Yobu ubwe, Imana yavuzeho ko ari "umukiranutsi utunganye, wubaha Imana kandi akirinda ibibi" (Yobu 1:8), yahuye n'intambara ikomeye, itewe n'ibikorwa by'umwanzi.
  - Mu ntambara turwana, ubumwe bugiramo uruhare runini. Pawulo adushishikariza kurwana twunze ubumwe kugira ngo turwanirire ubutumwa bwiza (Abafilipi 1:27b).
  - Ubu bumwe mu ntego bugomba kujyanishwa no gusenga no kwiga Ijambo ry'Imana (Abefeso 6:18; Abafilipi 2:16).
  - Iyo duhanganye n'ikibi, ntitugomba gutinyishwa n'abaturwanya (Abafilipi 1:28). Twibuke ko Satani ari umwanzi waneshejwe, kuko Kristo yamaze kuneshereza ku musaraba (Luka 10:18; Abakolosayi 2:15).